REPUBURIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

ICYEMEZO CY'UMUCAMANZA MU RUBANZA RP00140/2019/TGI/HYE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

---

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri,umunsi wa 28 w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe MUSABWA Innocent,Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye,dufatanije na MUBEREYIKI Eugénie, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza RP00140/2019/TGI/HYE,Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo BARIRWANDA Joseph Alias Matere icyaha cyo gukubita no gukomeretsa ,**ruzaburanishwa ku wa 09/03/2020;**

Tumaze kubona ko BARIRWANDA Joseph Alias Matere mwene BARIRWANDA na UBUZINDA Veredіane, wavutse mu 1981, avukira mu Mudugudu wa Bucunda, Akagari ka Buhimba,Umurenge wa Rusatira , Akarere ka Huye, Intara y'Amajyepfo akaba ari naho yabarizwaga; ubu akaba atagira aho abarizwa hazwi kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera nkuko byemejwe n'Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:

Dushingiye ku ngingo za 160,161 na 162 z'itegeko n°027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse BARIRWANDA Joseph Alias Matere **kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 09/ 03/ 2020 saa ine n'igice za mugitondo** ku cyicaro cyarwo i Ngoma ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari;

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru « IMVAHO NSHYA » mu minsi 8.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye.

Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka,umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| Umucamanza | | Umwanditsi |
|---|---|---|
| (sé) | | (sé) |
| MUSABWA Innocent | URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE | MUBEREYIKI Eugénie |

Copie certifié conforme à l'original

Greffier MUBEREYIKI Eugénie

le 29/1/2020